# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

UKUBOZA 2024

## MINISITIRI W'UBUZIMA YASUYE IBITARO BY'AKARERE BYA KIGEME ASHIMA SERIVISI BITANGA



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 15

## IBIKORWA BY'ITORERO INKOMEZABIGWI 12, BYASOJWE INTORE ZIYEMEZA GUKEMURA IBIBAZO BIBANGAMIYE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE




SOMA PAJI YA 12

## UMUNSI MUKURU W'UMUHINZI W'ICYAYI WIZIHIJWE ABAHINZI BACYO BASABWA KUCYONGERA MU BWINSHI NO MU BWIZA





SOMA PAJI YA 12

## ABASENATERI BO MURI KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU N'IMARI BASUYE IBIKORWA BY'UBUHINZI BW'INGANO MU KARERE

# MINISITIRI W'UBUZIMA YASUYE IBITARO BY'AKARERE BYA KIGEME ASHIMA SERIVISI BITANGA



***Minisitiri w'Ubuzima, Dr. NSANZIMANA yasuye Ibitaro bya Kigeme***

Ku wa 21 Ukuboza 2024, Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin NSANZIMANA akaba n'imboni y'Akarere yasuye Ibitaro by'Akarere bya Kigeme aho yakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umushumba wa EAR, Diyosezi ya Kigeme, Mgr MUSABYIMANA Assiel.

Minisitiri w'Ubuzima yasuye Ibitaro bya Kigeme muri gahunda yo kureba imitangire ya serivisi z'ubuvuzi no kuganira n'abakozi babyo.



***Minisitiri w'Ubuzima, Dr. NSANZIMANA yasobanuriwe serivisi zitangirwa mu Bitaro bya Kigeme***

Nyuma yo gutemberezwa ahatangirwa serivisi zitandukanye, Minisitiri w'Ubuzima, Dr. NSANZIMANA yashimye uburyo Ibitaro byakira ndetse bikita ku babigana.

Yashimiye kandi Ibitaro ko byabashije kwiyubakira inzu nshya ivuye mu kwizigama kwabyo.

Yanabishimiye ko hashize umwaka nta mubyeyi ubitakarijemo ubuzima abyara nk'uko ari na yo ntego y'igihugu.

Yasabye abakozi gukomeza gukorana umurava mu kazi bashinzwe.



***Minisitiri w'Ubuzima, Dr. NSANZIMANA yasabye abakozi gukomeza gukorana umurava mu kazi bashinzwe***

Ibitaro by'Akarere bya Kigeme, bimaze imyaka 3 biri ku nyenyeri ya kabiri mu mitangire ya serivisi nk'uko bigaragazwa n'igenzura rikorwa na Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE).

Intego yabyo ni ukuzamuka bikagera ku nyenyeri zisumbuye.

# UBUYOBOZI BWA IBUKA BWAGIRANYE IBIGANIRO N'UBW'AKARERE KU BIJYANYE N'IMIBEREHO Y'ABACITSE KU ICUMU RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BO MU KARERE



***Visi Meya UWAMARIYA yakiriye intumwa za IBUKA***

Ku wa 02 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye Visi Perezida wa 2 wa IBUKA, Madame KAGOYIRE Christine n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'uyu Muryango, Bwana AHISHAKIYE Naftar.

Bagiranye ibiganiro n'abahagarariye IBUKA kuva ku rwego rw'Umurenge kugeza ku Karere.

Ibiganiro byibanze ku mibereho y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994 bo mu Karere; uko umutekano wabo wifashe n'uko bagerwaho n'inkunga bagenerwa.



***Abahagarariye IBUKA mu Karere bitabiriye ibi biganiro***

Visi Meya UWAMARIYA yabwiye izi ntumwa za IBUKA ko muri rusange imibereho n'umutekano by'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 byifashe neza.

Icyakora yavuze ko mu rwego rwo kurushaho kubacungira umutekano hashyizweho uburyo bwihariye bwo gusuzuma ibibazo byabo no kubivugutira umuti.



***Madame KAGOYIRE Christine, Visi Perezida wa 2 wa IBUKA***

Ubuyobozi bw'Akarere buvuga ko buzakomeza gushyira imbaraga mu gucunga umutekano w'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994 mu rwego rwo kwirinda ko hari uwakwibasirwa.

## UMUNSI MPUZAMAHANGA W'ABAFITE UBUMUGA WIZIHIJWE KU RWEGO RW'AKARERE BASABWA KUTIHEZA



*Visi Meya UWAMARIYA yizihirije Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite Ubumuga mu Murenge wa Musange*

Ku wa 03 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Musange, mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere.

Uyu mwaka Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite Ubumuga wari ufite insanganyamatsiko igira iti:"Kuzamura uruhare rw'Abantu bafite Ubumuga mu Miyoborere Myiza Twubaka Ejo Heza."

Visi Meya UWAMARIYA yasabye Abantu Bafite Ubumuga kutiheza mu muryango nyarwanda no muri gahunda za Leta muri rusange.

Yaragize ati: "Mu bihe byo hambere, Abantu bafite Ubumuga bafatwaga nk'abantu badafite agaciro, bagasigazwa inyuma. Akenshi ababyeyi babaga babyaye abana bafite ubumuga barabahishaga mu nzu. Ariko ubu si uko bimeze. Leta yabahaye agaciro, bariga, bakisanga mu mirimo nk'iyo abandi bakora. Rero, mwebwe mufite Ubumuga murasabwa kutiheza kuko Leta yabahaye agaciro. Ubushobozi nk'ubw'abandi murabufite. Nimwitinyuke mubyaze umusaruro amahirwe Leta yabashyiriyeho."

Ibirori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite Ubumuga ku rwego rw'Akarere byabereye mu Murenge wa Musange, byasojwe no kuremera bamwe muri bo batishoboye.

Bahawe ibiryamirwa n'ibikoresho by'isuku.



*Abafite Ubumuga bo mu Murenge wa Musange bitabiriye Umunsi Mpuzamahanga wabahariwe*



*Bamwe mu Bantu bafite Ubumuga batishoboye bararemewe*

# ABASENATERI BASUYE IBIKORWA BIHURIWEHO N'IMPUNZI ZO MU NKAMBI YA KIGEME N'ABANYARWANDA BAZAKIRIYE



*Meya NIYOMWUNGERI yakiriye Abasenateri basuye ibikorwa bihuriweho n'impunzi zo mu nkambi ya Kigeme n'abanyarwanda bazakiriye*

Ku wa 09 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye Senateri MURANGWA NDANGIZA Hadija na Senateri Evode UWIZEYIMANA bagiriye uruzinduko rw'iminsi ibiri mu Karere, aho basuye ibikorwa binyuranye bihuriweho n'impunzi zo mu nkambi y'impunzi ya Kigeme n'abanyarwanda bazakiriye.

Aba ba Senateri basuye inkambi y'impunzi ya Kigeme mu rwego rwo kureba uko amasezerano mpuzamahanga yo gufasha impunzi kwinjira mu buzima bw'igihugu u Rwanda rwashyiriyeho umukono i Geneve mu Busuwisi.



*Mu nkambi y'impunzi ya Kigeme basuye Koperative Igisubizo*

Nyuma yo kwakirwa n'ubuyobozi bw'inkambi, Senateri MURANGWA na Senateri UWIZEYIMANA bari kumwe na Meya NIYOMWUNGERI basuye Koperative Igisubizo iboha ibikapu; ingofero n'ibindi.

Basuye kandi Ikigo Nderabuzima cyo muri iyi nkambi mu rwego rwo kureba uko kita ku barwayi bakigana, nyuma basura Ibitaro by'Akarere bya Kigeme byakira abo kidafitiye ubushobozi bwo kuvura.

Uruzinduko rwa Senateri MURANGWA NDANGIZA Hadidja na Senateri Evode UWIZEYIMANA rwakomereje mu gishanga cya Mushishito gihingwamo na KODUMU (Koperative Duhuzimbaraga Mushishito) igizwe n'impunzi zigera kuri 500 n'abanyarwanda basaga gato 1000 bazakiriye.



*Abasenateri baganiriye n'abanyamuryango ba Koperative KODUMU*

Abasenateri bashimye ubufatanye buri hagati y'abanyamuryango b'iyi koperative, bababasaba kubukomeza kugira ngo barusheho gutera imbere.

Muri rusange bashimye imbaraga Akarere gashyira mu gufasha impunzi kwinjira mu buzima bw'igihugu.

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAYOBOYE INTEKO Z'ABATURAGE MU MIRENGE YA GASAKA NA MBAZI



***Meya NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage i Gasaka***

Ku wa 10 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Mudugudu wa Gitantu, mu Kagari ka Nzega, mu Murenge wa Gasaka.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage kwitabira gahunda za Leta; kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside n'amacakubiri ndetse n'ibiyashamikiyeho byose.

Yaragize ati: "Turabasaba kwitabira gahunda za Leta, mukirinda ingengabitekerezo ya Jenoside n'amacakubiri ndetse n'ibiyashamikiyeho byose."

Yabasabye kandi gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere; kwirinda ubusinzi n'ibindi byose bishobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga.

Nyuma yo kuganiriza abaturage b'Akagari ka Nzega, Meya NIYOMWUNGERI afatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasaka bakiriye ibibazo by'abaturage bihabwa umurongo.

Ku wa 24 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Ngara, mu Murenge wa Mbazi.

Yaganirije abaturage kuri gahunda y'ubumwe bw'abanyarwanda no kwivana mu bukene.

By'umwihariko yasabye abayobozi n'abakuru b'imiryango gukemura ibibazo by'abaturage.



***Meya NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage i Mbazi***

Nyuma y'Inteko y'Abaturage yo mu Kagari ka Ngara, Meya NIYOMWUNGERI yayoboye umuhango wo kwitura ku miryango 10 yorojwe muri gahunda ya Girinka Munyarwanda.



***Meya NIYOMWUNGERI yayoboye umuhango wo kwitura muri gahunda ya Girinka***

## UMUYOBOZI W'AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE I MUSANGE



*Visi Meya UWAMARIYA mu Nteko y'Abaturage i Musange*

Ku wa 03 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Jenda, mu Murenge wa Musange.

Nyuma yo kuganiriza abaturage kuri gahunda za Leta zitandukanye zirimo gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere, (GiraWigire); kwicungira umutekano barushaho kurara amarondo; kugira umuryango ukize kandi utekanye n'izindi, Visi Meya UWAMARIYA yafatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge kwakira no gukemura ibibazo byabo.



*Visi Meya UWAMARIYA yakira ibibazo by'abaturage*

## UMUYOBOZI W'AKARERE WUNGIRIJE USHINZWE ITERAMBERE RY'UBUKUNGU YAYOBOYE INTEKO Y'ABATURAGE MURI MUSHUBI

Ku wa 24 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Gashwati, mu Murenge wa Mushubi.

Visi Meya HABIMANA yasabye abaturage kugira uruhare mu kwicungira umutekano barushaho kurara amarondo; kugira ubumenyi ku mikoreshereze y'ubutaka; kwitabira ubuhinzi; kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibiyishamikiyeho.

Muri iyi Nteko y'Abaturage hakiriwe ibibazo by'abaturage binahabwa umurongo.



*Visi Meya HABIMANA mu Nteko y'Abaturage i Mushubi*

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE INDAHIRO Z'ABAHESHA B'INKIKO BATARI AB'UMWUGA 14



*Meya NIYOMWUNGERI yakira indahiro z'Abahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga*

Ku wa 16 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye indahiro z'Umuhesha w'Inkiko utari uw'Umwuga wo ku rwego rw'Umurenge, Madame Ayinkamiye Donatha, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Tare n'abo ku rwego rw'Akagari bagera kuri 13.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye aba Bahesha b'Inkiko kuzuza inshingano zabo birinda kubogamo no kwaka indonke.

Yaragize ati: "Mugomba kurangiza imanza z'abaturage nta kiguzi kuko ni ishingano zanyu."

Umuhesha w'Inkiko utari uw'Umwuga ni umukozi wa Leta ufite imirimo ashinzwe uhabwa n'inshingano zo kuba Umuhesha w'Inkiko mu gihe akiri muri uwo murimo.

Kugira ngo mu rwego rw'amategeko ubutabera butangwa n'Inkiko ziba zaciye imanza zikagaragaza mu byemezo byazo abatsinze n'abatsinzwe bube bwuzuye, ni uko uwatsinze aba yabonye icyo yatsindiye bikozwe n'uwatsinzwe. Ubu buryo bwo kwibwiriza gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inkiko n'izindi nyandikompesha abantu ntibakunda kubwitabira cyane kubera ahanini umuco wo kutubahana hagati y'ababuranyi n'abagiranye amasezerano.

Iyo ibyemezo by'Inkiko n'izindi nyandikompesha bidashyizwe mu bikorwa ku neza, nibwo hashobora kwifashishwa Abahesha b'Inkiko kugira ngo bahatire abo bireba kubikora ku ngufu za Leta.



*Madame Ayinkamiye arahirira kuba Umuhesha w'Inkiko utari uw'Umwuga*



*Umwe mu barahiriye kurangiza imanza zo ku rwego rw'Akagari*

# MU KARERE HABAYE INAMA YO KURWANYA INDWARA YA MALARIA



***Inama yo kurwanya Malaria yitabiriwe n'abakora muri serivisi z'ubuzima mu Karere***

Ku wa 11 Ukuboza, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye inama y'ubuzima yunguranye ibitekerezo ku ngamba zo kurandura indwara ya Malaria ndetse no kuzamura ibipimo by'ubuzima mu Karere.

Afungura iyi nama yitabiriwe n'ubuyobozi bw'Ibitaro by'Akarere (byombi), abayobozi b'Ibigo Nderabuzima byo mu Karere byose n'abandi bafite aho bahuriye n'urwego rw'ubuzima, Visi Meya UWAMARIYA yavuze ko kurandura indwara ya Malaria bishoboka ariko bisaba uruhare rwa buri wese.

Yaragize ati: "Kurandura indwara ya Malaria birashoboka, ariko birasaba uruhare rwa buri wese."

Yasabye abitabiriye iyi nama gushishikariza abaturage kurara mu nzitiramibu, gutema ibihuru no gusiba ibinogo bishobora kuba indiri y'imibu.

Akarere ka Nyamagabe ni kamwe mu Turere twugarijwe n'indwara ya Malaria.

Mu rwego rwo kuyihashya, ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye, Akarere kashyizeho ingamba zihariye zirimo guha buri muturage inzitiramubu n'izindi.

Malaria ni indwara iterwa n'agakoko kitwa "Plasmodium" (Plasimodiyumu) gakwirakwizwa n'umubu wo mu bwoko bwa anopheles (anofeli).

Iyo umubu w'ingore wo mu bwoko bwa anopheles urumye umuntu urwaye Malaria, unyunyuza amaraso umukuramo n'udukoko twa Malaria (Plasmodium).

Utwo dukoko twororokera mu nda y'umubu. Nyuma y'iminsi iri hagati ya 10 na 14, twa dukoko tuba dukuze bihagije ku buryo dushobora kwinjizwa mu mubiri w'undi muntu.



***Visi Meya UWAMARIYA yayoboye inama yo kurandura Malaria***




***Inama yo kurwanya Malaria yateguwe ku bufatanye bw'Akarere n'abafatanyabikorwa batandukanye***

# UMUNSI MPUZAMAHANGA WA MWARIMU MU KARERE WIZIHIJWE ABARIMU BASHIMA KO BAHAWE AGACIRO



***Visi Meya HABIMANA yifatanyije n'abarimu b'i Kaduha mu birori by'Umunsi Mpuzamahanga wa Mwarimu***

Ku wa 13 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yifatanyije n'abarimu bigisha mu Bigo by'Amashuri byo mu Murenge wa Kaduha, mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Mwarimu.

Uyu Munsi Mpuzamahanga wari ufite insanganyamatsiko igira iti:"Umwarimu uhawe agaciro bimwongerera imbaraga ashyira mu burezi. ", ku rwego rw'Akarere wizihirijwe muri Ecole Secondaire Kaduha.

Cyimana Damien wavuze mu mwanya w'abarimu bigisha mu Karere, yashimiye Leta y'u Rwanda yabahaye agaciro ibazamurira umushahara kandi ikaba idahwema kubongerera ubumenyi.



***Cyimana wavuze mu izina ry'abarimu bagenzi be yashimiye Leta kuba yarabahaye agaciro***

Visi Meya HABIMANA yavuze ko igihugu cyakoreye byinshi mwarimu bityo nawe hari ibyo akigomba birimo kuba umusemburo w'iterambere; kuba intangarugero; kwihesha agaciro; guhora yiyungura ubumenyi no gukomeza kuba icyitegererezo imbere y'umunyeshuri, yirinda imyifatire idakwiye kugira ngo amwigireho byose.



***Abanyeshuri bo mu Bigo by'Amashuri bitandukanye byo mu Murenge wa Kaduha basusurukije abashyitsi n'abarimu babo***



***Abarimu babaye indashyikirwa mu Bigo by'Amashuri byo muri Kaduha barashimiwe***

# MU KARERE HABAYE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU IHANGWA RY'UMURIMO



***Abitabiriye inama nyunguranabitekrezo ku ihangwa ry'umurimo***

Ku wa 17 Ukuboza 2024, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange mu Karere, Bwana NDAYAMBAJE Aimé Joël yatangije inama nyunguranabitekerezo ku ihangwa ry'umurimo mu Karere.

Iyi nama yateguwe ku bufatanye bw'Akarere na Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA).

Inama yitabiriwe n'Imiryango itari iya Leta (NGOs), abahagarariye Ikigega gitera inkunga imishinga mito n'iciriritse (BDF), abikorera, urubyiruko rwihangiye imirimo n'abandi bose bafite aho bahuriye n'ihangwa ry'umurimo.



***Perezida wa Njyanama, Madame UWAMAHORO afungura inama ku ihangwa ry'umurimo***

Inama yabaye urubuga rwiza aho Akarere kamuritse imishinga n'ingamba gafite zo guhanga imirimo mishya, no gufasha urubyiruko kwihangira imirimo.

Ikigega BDF cyahamagariye urubyiruko rufite imishinga yabyara inyungu kuyigana kugira ngo bahabwe ingwate yabageza ku gishoro.

Imwe mu ngamba zafatiwe muri iyi nama zirimo iy'uko abikorera bagiye gushyira imbaraga mu guha umwanya urubyiruko rukirangiza amashuri rukimenyereza umurimo (Professional Internship) kuko uwamaze kwimenyereza bimworohera kubona akazi cyangwa se kukihangira.



***Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange mu Karere, Bwana NDAYAMBAJE ari mu bitabiriye inama ku ihangwa ry'umurimo***

Muri gahunda ya 2 y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2) yo kuva mu mwaka wa 2024 kugeza mu wa 2029, Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje ko hazahangwa imirimo ibyara inyungu nibura miliyoni imwe n'ibihumbi magana abiri na mirongo itanu (1,250,000) kandi buri mwaka hakazajya hahangwa imirimo mishya ibihumbi 250.

## ABASENATERI BO MURI KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU N'IMARI BASUYE IBIKORWA BY'UBUHINZI MU KARERE



*Abasenateri basuye ibikorwa by'ubuhinzi burimo ubw'ingano mu Karere*

Ku wa 18 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yakiriye itsinda ry'Abasenateri bo muri Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari ryari riyobowe na Honorable NSENGIYUMVA Fulgence.

Aba Basenateri basuye Akarere mu rwego rwo kureba uko abahinzi bagezwaho inyongeramusaruro irimo imbuto nziza y'indobanure; ifumbire n'imiti yica udukoko.

Basuye UNICOOPAGI, Koperative ikora ubutubuzi bw'imbuto y'ingano, baganira n'ubuyobozi bwayo.

Basobanuriwe uko ingano zihingwa, uko zitunganywa n'uburyo zigezwa ku isoko.

Batemberejwe ububiko bw'imbuto y'ingano bw'iyi Koperative buherereye mu Murenge wa Gasaka.

Mu Murenge wa Tare, basuye kandi KOPABIMYA, Koperative icuruza inyongeramusaruro.



*Abasenateri basuye ububiko bw'imbuto y'ingano bwa UNICOOPAGI*

# UMUNSI MUKURU W'UMUHINZI W'ICYAYI WIZIHIJWE ABAHINZI BACYO BASABWA KUCYONGERA MU BWINSHI NO MU BWIZA



***Meya NIYOMWUNGERI yifatanyije n'uruganda rw'icyayi rwa Mushubi mu kwizihiza umunsi mukuru w'umuhinzi w'icyayi***

Ku wa 19 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere yifatanyije n'ubuyobozi bw'uruganda rw'icyayi rwa Mushubi (Mushubi Tea Factory), abasoromyi n'abahinzi b'icyayi b'uru ruganda, mu birori byo kwihiziza umunsi mukuru w'umuhinzi w'icyayi ku rwego rw'Akarere.

Umunsi mukuru w'umuhinzi w'icyayi w'uyu mwaka wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Ubwiza n'ubwinshi bw'umusaruro w'icyayi: isoko y'imibereho myiza y'umuhinzi n'iterambere ry'ubukungu bw'igihugu."

Ibirori byabanjirijwe n'igikorwa cyo gusura uruganda mu rwego rwo kureba imikorere yarwo.



***Abayobozi baabanje gutemberezwa mu ruganda***

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashimiye abahinzi n'abasoromyi b'icyayi b'uruganda rw'icyayi rwa Mushubi (Mushubi Tea Factory) ku ruhare bagira mu kucyongera mu bwinshi no mu bwiza, abasaba kutadohoka.



***Abahinzi b'icyayi basabwe kongera umusaruro mu bwiza no mu bwinshi***

Ibirori byo kwizihiza umunsi mukuru w'umuhinzi w'icyayi byabereye ku ruganda rw'icyayi rwa Mushubi (Mushubi Tea Factory) byasojwe n'igikorwa cyo gushimira abahinzi n'abasoromyi b'icyayi bitwaye neza, aho bamwe bagabiwe inka abandi bahabwa ibiryamirwa.

Umunsi mukuru w'umuhinzi w'icyayi wabereye kandi ku ruganda rw'icyayi rwa Kitabi (Kitabi Tea Factory), aho ubuyobozi bw'uruganda, abahinzi n'abasomyi b'icyayi bifatanyije na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA. Muri ibi birori, abahinzi n'abasoromyi b'icyayi bitwaye neza na bo barashimiwe.

## MUSANGE- ABABYEYI BAGERA KURI 31 BIZE UBUDOZI BW'INKWETO N'UBW'IMYENDA BAHAWE IMPAMYABUSHOBOZI



*Ababyeyi bize kudoda inkweto n'imyenda muri Musange bahawe impamyabushobozi*

Ku wa 05 Ukuboza 2024, ababyeyi bagera kuri 31 bo mu Murenge wa Musange bize ubudozi bw'imyenda n'ubw'inkweto ku bufatanye n'Umushinga RW0587 uterwa inkunga na Compassion International bahawe impamyabushobozi.

Aba babyeyi biyemeje kwikura mu bukene no gukomeza gukoresha neza amahirwe babonye.





*Bimwe mu byo aba bayeyi bakora*

## MU KARERE HATERANYE INAMA MPUZABIKORWA YA JADF NYAMAGABE

Ku wa 10 Ukuboza 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye inama mpuzabikorwa y'abagize ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere (JADF Nyamagabe) yari iyobowe na Perezida waryo Past. NZIMURINDA Emmanuel.

Iyi nama yateguwe ku bufatanye na GIZ Rwanda yarebeye hamwe uko abagize iri huriro bakongera imbaraga mu gufatanya n'Akarere mu kwesa imihigo.



*Inama ya JADF yarebeye hamwe uko hakongerwa imbaraga mu gufatanya n'Akarere mu kwesa imihigo*

# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YARATERANYE IREBERA HAMWE UKO IBIHEMBWE 2 BISHIZE BYAGENZE



***Hateranye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere***

Ku wa 27 Ukuboza 2024, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere, irebera hamwe uko ibihembwe 2 bibanza by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2024 byagenze.

Inama yasuzumye ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 n'ingamba zihari zo kuyihutisha.

Yasuzumye kandi inemeza raporo z'ibikorwa z'abagize Komite Nyobozi y'Akarere mu mezi 6 abanza y'umwaka wa 2024-2025 n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 mu mezi 6 abanza.

Mu bindi yasuzumye, harimo raporo y'itangwa ry'amasoko ya Leta mu mwaka wa 2024-2025 no kuyivugurura; ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta muri raporo isoza umwaka wa 2022-2023 n'ibindi.

Inama kandi yemeje imishinga y'inyungu rusange.



***Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere iheruka yayobowe na Perezida wayo, Madame Clotilde UWAMAHORO***

# IBIKORWA BY'ITORERO INKOMEZABIGWI 12, BYASOJWE INTORE ZIYEMEZA GUKEMURA IBIBAZO BIBANGAMIYE IMIBEREHO Y'ABATURAGE



*Urubyiruko rusaga 1400 ni rwo rwitabiriye Itorero Inkomezabigwi 12*

Ku wa 29 Ukuboza 2024, muri Ecole des Sciences Nyamagabe habereye umuhango wo gusoza ibikorwa by'Itorero Inkomezabigwi, icyiciro cya 12 no gutuma Intore ku Rugerero rudaciye Ingando.

Uyu muhango witabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Abayobozi b'Akarere Bungirije (bombi) n'abagize Inama y'Umutekano y'Akarere Itaguye wari uhurije hamwe urubyiruko rusaga 1400 rwo mu Karere rwarangije amashuri yisumbuye mu mwaka wa 2023-2024.

Meya NIYOMWUNGERI watanze ikiganiro ku cyerekezo 2050, yabwiye uru rubyiruko ko igihe ari iki ngo ruhitemo ahazaza heza harwo.

Yaragize ati: "Igihe ni iki ngo muhitemo abo mwifuza kuzaba bo. Mwavukiye mu gihugu cyiza kandi kibakunda. Mwavutse cyarabateguriye uko muzabaho. Ntimukwiye gupfusha ubusa amahirwe mwahawe. Icyerekezo 2020 u Rwanda rwari rwihaye, cyerekanye ko byose bishoboka. Ni yo mpamvu rwihaye ikindi cyerekezo ari cyo 2050. Namwe rero mugomba gukorera ku ntego."

Izi Ntore zahawe kandi ikiganiro ku bibazo bigaragara mu muryango nyarwanda, ingaruka zabyo n'uburyo bwo kubikemura n'ikiganiro ku murage tuvoma mu rugamba rwo kubohora igihugu, guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kubaka u Rwanda twifuza.

Umuhango wo gusoza ibikorwa by'Itorero Inkomezabigwi, icyiciro cya 12 no gutuma Intore ku Rugerero rudaciye Ingando, wasojwe no gusinya imihigo hagati y'Intore n'Umuyobozi w'Akarere.

Ilyi mihigo ikaba izibanda ku gukemura ibibazo bibangmaiye imibereho y'abaturage; kurwanya ibiyobyabwenge no guharanira ko nta mwana utiga.




*Meya NIYOMWUNGERI yabwiye urubyiruko rwitabiriye Itorero Inkomezabigwi 12 ko igihe cyo guhitamo ahazaza heza harwo ari iki*




*Intore zasinyanye imihigo n'Umuyobozi w'Akarere*

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**